

# BASUYE PARIKI Y'IBIRUNGA

Amashuri y'inshuke



  
**CACTUS**  
Publishers

Inkuru yanditswe na UWERA Jane    Yashushanyijwe na SIBOMANA Simplicie



# BASUYE PARIKI Y'IBIRUNGA

Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe na UWERA Jane


Yashushanyijwe na SIBOMANA Simplicie

**© 2020 CACTUS PUBLISHERS P.O Box 1810 KIGALI**

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo:  
Kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro,  
kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro,  
kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga  
(iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari  
zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyzamo  
amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira  
mu nyandiko n'abagitangaje.

**ISBN: 978-99977-54-87-5**

**[www.cactuspublishers.rw](http://www.cactuspublishers.rw)**



Gisabo, Rusaro na Rugero ni abavandimwe. Babana n'ababyeyi babo aho batuye hafi ya pariki y'ibirunga.



Umunsi umwe, se yabajyanye gusura pariki y'ibirunga. Bageze mu nzira babona akana k'ingagi katorotse pariki karira. Se ahamagara umukozi wa pariki baragashorera kinjira muri pariki.




Akana k'ingagi kahise kabona nyina, karishima. Gisabo, Rusaro na Rugero babonye nyina w'ako kana k'ingagi baratangara bati: "Yooo! Za ngagi zibaye ebyiri."



Bayobowe n'umukozi wa pariki, bakurikira za ngagi. Bigiye hirya gato babona se wa ka kana k'ingagi. Rusaro arishima ati: "Uziko ari ababyeyi bako! Maze ziba zibaye eshatu."






Bavuye aho, babona abana b'ingagi bane bagendera ku migozi y'ibiti.



Ushinzwe pariki abereka undi muryango w'ingagi eshanu.



Ku rundi ruhande babona izindi esheshatu:  
utwana tubiri n'inkuru enye.



Bigira hirya gato, babona undi muryango urimo ingagi zirindwi.



Barongera babona utundi twana umunani dukina maze  
birabashimisha cyane.



Bamanutse hepfo, babona izindi barazibara basanga ni ikenda.



Urinda pariki abereka iyindi y'ingabo nini, ababwira ko ari umutware wa za zindi ikenda. Rugero ati: "Buriya zose hamwe ni icumi." Barishima cyane banashimira umukozi wo muri pariki, hanyuma barataha.











Iki gitabo kirimo inkuru ivuga ku bana batatu bajyanye  
na se muri pariki y'ibirunga, babona ingagi  
birabanezeza.